REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE L'EDUCATION NATIONALE

1 D

30 p

Projet

En vue du Seminaire sur
le Kinyarwanda

AVANT-PROPOS AU PROJET DE PROGRAMME DESTINE A PROMOUVOIR LE KINYARWANDA DANS LES ETABLISSEMENTS SCOLAIRES.

Pour promouvoir le Kinyarwanda parmi les jeunes générations scolarisées, je pense qu'il faut d'abord se mettre d'accord sur une chose: Le Kinyarwanda en tant que phénomène linguistique ne peut être promu si la culture qui l'a créé et qui le porte n'est pas en même temps promue. En effet toute langue, une fois coupée de son milieu socio-culturel, ou bien devient une réalité de plus en plus ténue jusqu'à l'extinction totale ou bien se transforme en une autre langue adaptée au nouveau milieu socio-culturel.

Or depuis un certain temps, la société rwandaise est soumise à l'action systématique et puissante des agents culturels étrangers (colonisateurs, missionnaires, assistants techniques) qui, consciemment ou incosciemment travaillent à la transformation de la société rwandaise dans le sens d'une occidentalisation toujours accrue. Mais comme cette occidentalisation restera malgré tout encore longtemps partielle, la culture rwandaise traditionnelle conservera aussi longtemps ses éléments les plus coriaces mais finira un jour par disparaître en tant que totalité, si ce n'est pas déjà le cas. Ainsi, le Kinyarwanda, qui est l'un de ces éléments les plus coriaces de la culture rwandaise, se maintient encore en tant que système linguistique mais subit des transformations lexicales considérables.
Le plus grave cependant, c'est qu'il devient de moins en moins l'instrument conceptuel de l'élite créatrice du pays. En effet, ce n'est pas audacieux de dire que dans notre pays, ceux qui, actuellement, font un effort de pensée novatrice et créatrice se servent rarement des catégories de la culture et de la langue nationales. S'il y en a, ils constituent une infime minorité. Or quel peut être le destin d'une langue dont on ne se sert pas dans la pensée créatrice et novatrice? Elle cessera d'être une langue de l'avenir et deviendra de plus en plus une langue morte car elle aura été coupée de sa source de renouvellement. Elle s'appauvrira de plus en plus jusqu'à l'épuisement total; seuls les philologues et les nécrologues se préoccuperont encore de sa momie. Ce sort pourrait être celui de

la culture rwandaise en général et du Kinyarwanda en particulier. Il est donc grand temps d'y penser.

Je maintiens donc que la promotion du Kinyarwanda est inséparable de la promotion de la culture qui le porte. Autrement dit un programme d'enseignement du Kinyarwanda doit être en même temps le programme d'enseignement de la culture rwandaise. La grammaire du Kinyarwanda seule ne suffit pas pour constituer un programme d'enseignement du Kinyarwanda: il faut de plus en plus s'ouvrir à l'idée d'Humanités et de Lettres rwandaises car en fait la culture et la civilisation rwandaises ne le cèdent en rien à la Grécité et à la Latinité tant appréciées en Occident. Que vise-t-on en effet dans la formation humaniste et littéraire? L'on y cherche à mettre les jeunes générations en contact avec le génie créateur d'un peuple afin de leur apprendre à apprécier ce génie et à l'imiter et même à le dépasser si possible pour assurer la continuité de la conscience des valeurs dont vit ce même peuple. Bien sûr, cet apprentissage des jeunes générations auprès du génie créateur de leur peuple n'exclut pas l'écoute des génies créateurs des autres peuples: c'est pourquoi toute formation humaniste réelle ne doit nullement se confondre avec un nationalisme aveugle; elle doit rester ouverte au dialogue avec les autres cultures.

Ceci dit, je ne vois pas pourquoi les Humanités et les Lettres Occidentales doivent continuer à occuper exclusivement la scène de l'enseignement secondaire et supérieur au Rwanda.

C'est dans cet esprit que le document ci-joint a été élaboré: son but est de montrer une des façons possibles de procéder pour promouvoir le Kinyarwanda dans l'enseignement, tout en promouvant la culture rwandaise dont il est l'un des éléments essentiels. Le document contient deux parties:

a) une proposition de programme général d'enseignement du Kinyarwanda dans les 6 années du secondaire.

b) un échantillon du contenu possible de ce programme distribué par année. Ce document n'est donc ni plus ni moins qu'une proposition concrète sur ce qui pourrait se faire dans le sens de ce que je viens d'esquisser. Il a été élaboré par le Bureau de la Promotion culturelle avec la contribution considérable de Monsieur Benoît Mulihano, fonctionnaire rattaché au dit bureau.

MANIRAGABA - BALIBUTSA.

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'EDUCATION NATIONALE
DIRECTION GENERALE DE LA CULTURE
ET DES BEAUX-ARTS.
========.===========

# PROGRAMU Y'IKINYARWANDA MU MASHULI YISUMBUYE

## ILIBULIRO:

Ubuyobozi Rusange bw'Umuco-Karande w'i Rwanda muli Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu bumaze kubona no kwitegereza no kwumvira icyifuzo cya Bwana Ministri w'Uburezi cyo mu rwandiko rwe n°07.02/0489 rwo ku wa 16 Gashyantare 1977 kigamije gushyira hò Programu nyayo y'Ikinyarwanda ishingiye ku muco karande w'i Rwanda; bw ihutiye kubanza gutegura uyu mushinga bwifuza ko wasuzumwa ugashyirwa muli Programu y'Ikinyarwanda mu mashuli yisumbuye:

1°- MU MYAKA YA MBERE: Ikinyabupfura n'utugali tw'u Rwanda

2°- MU MYAKA YA KABILI: Isano nyarwanda n'imitegekere.

3°- MU MYAKA YA GATATU: Imyuga y'ubukolikoli

4°- MU MYAKA YA KANE: Imihango n'imigenzo

5°- MU MYAKA YA GATANU: Imvugo inyomotse

6°- MU MYAKA YA GATANDATU: Ibitaramo

7°- MU MYAKA YA KALINDWI: Idini nyarwanda

Kuko Ubuyobozi Rusange bw'Umuco-Karande w'i Rwanda bushimikiliye cyane iyo Programu y'Ikinyarwanda mu mashuli, bwiyemeje kuba bushyize amasomo amwe y'indozo mu Bigo by'amashuli yisumbuye byose no mu myaka ilindwi uko ikulikirana kuli ubu bulyo bukulikira:

1°- Uwambere: Amezi ya Kinyarwanda
2°- Uwakabili: Amoko y'Abanyarwanda
3°- Uwagatatu: Byagiye nka nyombeli
4°- Uwakane: Abeshya icya Semuhanuka
5°- Uwagatanu: Umushumba w'Urukubo

.../...

6°- Uwagatandatu: Imisango yo gusaba
7°- Uwakalindwi: Rutegaminsi rwa Tegera;

ayo masomo y'indozo, amaze kwoherezwa mu Bigo, Abayobozi bazayakwirakwiza abanyeshuli; ubulyo bwo gusuzuma uko bimeze, buzatangwa mu gihembwe cya gatatu (Gicurasi-Kamena 1977).

IRAMBURA RY'IYO PROGRAMU Y'IKINYARWANDA MU MASHULI YISUMBUYE.

Inzego z'amashuli n'urubuga rw'amasomo:

A. UMWAKA WA MBERE: Ikinyabupfura n'Uturere tw'u Rwanda.

a) Igihemwe cya mbere: Ikinyabupfura:

1) Ikinyabupfura rusange: Akamaro.
2) Ikinyabupfura mu mishyikirano. Indamukanyo y'abakuru iy'urugano n'iy'abato; iganira lyabo.
3) Ikinyabupfura mu myambaro: Imyambalire ikwiye buli wese.
4) Ikinyabupfura mw'ifungura: Iwanyu, ahandi: mu nshuti, mu bakuru, mu mahoteli, ku nzira.

b) Igihembwe cya kabili: Uturere gature tw'u Rwanda:

1°. RWANDA RW'IBURASIRA-ZUBA:

1. Mirenge
2. Gihunya
3. Migongo
4. Mubali
5. Buganza-Sud
6. Buganza-Nord
7. Mutara
8. Buyaga
9. Bwanacyambwe
10. Rukalyi
11. Bugesera

2°. RWANDA RW'AMAJYARUGURU:

1. Buliza
2. Bumbogo
3. Rukiga
4. Kibali
5. Buberuka
6. Bugarura
7. Bukonya
8. Buhoma
9. Rwankeli
10. Murera
11. Bukamba
12. Ndorwa.

3°. RWANDA RWO HAGATI:

1. Nduga
2. Marangara
3. Kabagali
4. Ndiza
5. Rukoma
6. Mayaga.

4° RWANDA RW'AMAJYEPFO

1. Bunyambilili
2. Bufundu
3. Busanza
4. Buhanga
5. Ndara
6. Mvejuru
7. Nyaruguru
8. Bashumba
9. Nyakare
10. Buyenzi

5° RWANDA RW'IBURENGERAZUBA

1. Bugoyi
2. Kanage
3. Bushiru
4. Kingogo
5. Budaha
6. Bwishaza
7. Nyantango
8. Rusenyi
9. Cyesha
10. Imhara
11. Bukunzi
12. Biru

c) Igihembwe cya gatatu: Utugali gature n'umutungo watwo:

Imyaka y'ingenzi, amatungo, inyamaswa, inyoni, ubutare:

-Ibiba mu Gisaka, mu Buganza, mu Bwanacyambwe no mu Mutara.

-Ibiba mu Nduga, mu Bwanamukali no mu Kinyaga.

-Ibiba mu Ndorwa, mu Murera no mu Bugoyi.

-Amezi ya Kinyarwanda

-Ibihe by'umwaka:

Umuhindo

Urugalyi

Itumba

Impeshyi.

B.- UMWAKA WA KABILI: Isano nyarwanda n'imitegekere.

a) Igihembwe cya mbere: Isano mu Kinyarwanda:

- Amoko y'Abanyarwanda.
- Isano y'amavuko: Abavandimwe; Ababyeyi; Abakurambere
- Isano y'amazu n'imilyango: Imbyaro z'abakurambere
- Isano y'ibitsina by'Abanyarwanda: Abatwa, Abahutu n'Abatutsi.
- Amazina agenuliye ku mubare w'imbyaro.

b) Igihembwe cya kabili: Amatorero mu Rwanda:

- Imiremerwe y'imitwe y'ingabo; Abinjiraga mu matorero: ibyo bigaga, igihe bamaraga.

- Imitwe y'imirangangoma; imhamvu n'akamaro
- Imitwe y'imyirumure: Imhamvu z'iyo mitwe.
- Impeta z'indangashimwe: Amoko yazo, uko zatangwaga, akamaro kazo
- Ingororano z'ingirakamaro: Icyo zatangirwaga.

c) <u>Igihembwe cya gatatu</u>: Abatware mu Rwanda.

- Umutware w'umulyango: Ububasha bwe.
- Umutware w'ubutaka: Ububasha yali afite n'imitegekere ye
- Umutware w'umukenke: Ububasha yali afite n'imitegekere ye
- Umutware w'ingabo: Ububasha yali afite n'imitegekere ye.

C.- <u>UMWAKA WA GATATU</u>: Imyuga y'ubukolikoli.

a) <u>Igihembwe cya mbere</u>: Gucura, kubaza, kubumba.

1. Ubucuzi: Abacuzi; Ibikoresho, amoko y'ibicurwa, akamaro.
2. Ububaji: Ababaji, ibikoresho; ibyo babaza, akamaro.
3. Ububumbyi: Ababumbyi; ibik resho, ibyo babumba, akamaro.

b) <u>Igihembwe cya kabili: kwubaka, gukana, gukera.</u>

- Ubwubatsi: Abubatsi, ibikoresho, ibyubakwa, akamaro
- Ubukannyi: Abakannyi; Ibikoresho, ibyo bakana, akamaro
- Ubukezi: Abakezi, ibyo bakera (amahembe, amagufa, amenyo) akamaro.

c) <u>Igihembwe cya gatatu</u>: Kuboha, gutaka, kudaraza.

- Ububoshyi: Ababoshyi; amoko y'ibibohwa
- Ubutatsi: Abatatsi; ubwoko bw'imitako, ibikoresho, akamaro.
- Ubudaraza: Abadaraza (architecte), ibyo badaraza, akamaro.

D.- <u>UMWAKA WA KANE</u>: Imihango n'imigenzo.

a) <u>Igihembwe cya mbere</u>: Imihango y'umuntu.

- Umuntu ku w'undi: Umugabo, umugore, umwana.
- Umuntu n'ibisimba: Amatungo, ibikoko, inyamaswa.
- Umuntu n'ibintu: Ibiboneka n'ibitaboneka.
- Imihango y'umugore: Umugore n'umugabo we, umugabo n'umwana we.
  Umugabo n'indi mihango.

b) <u>Igihembwe cya kabili</u>: Imihango y'ababyeyi n'abana.

- Guterura umwana; ibyeru by'umwana, kulya amenyo; gucyura umunyafu.
- Imisango yo gusaba umugeni; gushyingira; gutwikurura.

c) <u>Igihembwe cya Gatatu</u>: Imihango yo gupfa.

- Kuraga; gutanga umutware
- Indi mihango: Guhura; gushora; Gushika; Kugangahura.

E.- <u>UMWAKA WA GATANU</u>: Invugo inyomotse

a) <u>Igihembwe cya mbere</u>: Ivuzi ly'imivugo

- Invugo isanzwe n'imivugo.
- Amahigi no Kwidoga
- Amahamba n'Amazina y'Inka

b) <u>Igihembwe cya kabili</u>: Ivuzi ly'ubusizi

- Amahamba;
- Ibyivugo by'ingabo
- Ibisigo by'ingoma.
- Ibisakuzo.

c) <u>Igihembwe cya gatatu</u>: guf tiraho: Insigamigani.

- Abantu baramvuweho imigani.
- Abantu babaye iciro ly'imigani.

F.- <u>UMWAKA WA GATANDATU</u>: Ibitaramo

a) <u>Igihembwe cya mbere</u>: Kuganira

- Ibitekerezo
- Ibyivugo
- Icyocyorana
- Utulingushyo
- Ibisakuzo
- Ibisigo
- Urwiganwa rw'abana
- Ibyishongoro

b) <u>Igihembwe cya kabili</u>: Kudashyoma

- Amagambo yabugenewe ku bantu
- Amagambo yabugenewe ku nyamaswa
- Amagambo yabugenewe ku bintu

c) <u>Igihembwe cya gatatu:</u> Guca imigani.

- Imigani y'imigenurano; guhishura amahane yayo.

- Imigani miremire; kuyitekereza no kuyikuramo umwanzuro.
- Inshamarenga; gufindura.

G. UMWAKA WA KALINDWI: Religion, Cultes, Mythologie, Vision du Monde

a) Igihembwe cya mbere: Imana n'abakurambere

- Amazina y'Imana: Iyakare, Rurema, Rugira, Ruhanga, Rugaba, Nyamurungo.
- Amazina agenuliye ku mana:
  Ndolimana, Nzeyimana; Habyalimana, Hakizimana; Niyonagize, Yizigire...
- Uburyo bw'imbonezamana.
  Umva Mana y'i Rwanda-
  Kagire Imana - gira Imana
  Horana Imana - Amahoro y'Imana.
- Kwiyambaza abakurambere:
  Seka gororoka N. - Tsinda icyago n'icyiza N.-

b) Igihembwe cya kabili: Indagu n'imiterekero:

- Kuraguza: Amoko y'ibiraguzwa
- Guterekera: Imhamvu n'ubulyo bwo guterekera
- Kubandwa: Imandwa n'ubulyo bwo kubandwa
- Nyabingi: Amazina yayo n'abagirwa bayo n'ubulyo bwo kuyambaza.

c) Igihembwe cya gatatu:

- Imigani y'imigenurano yerekeye Imana
- Imigani miremire yerekeye Imana
- Ibindi.....

Kigali, le ...25...../..2../1977.

MU[illegible] [illegible]enoit.

S6.

Amasomo y'indozo.



# U M W A K A  W A  M B E R E :

## AMEZI YA KINYARWANDA.

Abanyarwanda, mbere yo kumenya umubare w'amazina y'amezi y'amahanga, iwabo i Rwanda bali bazi amezi, banayafitiye amazina. Aliko aho urunyamahanga rwadukiye ino, rwabaye nk'agahubi, kabibagiza amazina y'amezi mu kinyarwanda; bikubitiyeho ko n'imbeshyerwe, mbere hose batayakulikiranya kimwe mu turere twose tw'u Rwanda.-

Dore uko ishishozagihe rusange lyasanze imikulikiranire y'amezi mu kinyarwanda, igira iyendezo uhereye kuli MUTARAMA ihulirana na YANWALI:

1. MUTARAMA : Ni ukwezi kw'ibiba ly'amasaka y'amaka n'itema ly'amahore, isarura ly'ibishyimbo by'urugalyi liganashye; ni kwo kwezi kwa mbere.-
2. GASHYANTARE: Ni ukwezi gusoza ibiba ly'amasaka, imvura itangiye gushyana; ni kwo kwezi kwa kabili.
3. WERURWE : Ni ukwezi kubamo imicyo y'ibagara ly'amasaka; ni kwo kwezi kwa gatatu.-
4. MATA : Ilyo zina, abashishozagihe balihagitse hagati y'ilya Werurwe n'ilya Gicurasi mu bihe byo hanyuma; mbere GICURASI ni lyo lyahoze ali izina ly'ukwezi kwa kane, nyuma ligirwa ily'ukwa gatanu bitewe n'imhulirane y'imihango yagendanaga n'indengo z'ukwezi kwa Gicurasi nyine, ivuye mw'ijuru imvura itetse.- Kubera iyo mpamvu rero, izina GICURASI lyeguliwe ukwezi kwa gatanu, na kwo ukwa kane gushumbushwa ilya Mata: ukwezi kw'ubwatsi bwiza n'amata menshi; naho ubusanzwe, ngo Mata yabaga mu mpera z'umwaka, isimbura na bwo ukundi kwezi kwali ingereka ubu kutacyibukwa izina. Mata rero ni kwo kwezi kwa kane ubu ngubu.
5. GICURASI: Ukwo kwezi ni kwo kwakorwagamo imihango yerekeye ubwitwaralike bw'ukwemera kunyarwanda n'umuganura, kuko ikarara ly'amasaka lyahuliranaga n'indengo zakwo, ubu Gicurasi ni kwo kwezi kwa gatanu.
6. KAMENA : Ali yo banita Kamenasekuru: Niyo ihulirana n'ihera ly'amasaka, n'itema lyayo, ubutaka bumaze gukanuka, ishyirashike iteye imisozi amabengeza; ni kwo kwezi kwa gatandatu.-
7. NYAKANGA: Ukwo kwezi banakwita Nyakanga kanga amabuguma. Muli ukwo kwezi amatungo arakangarana, ku bw'ubwatsi buba bumaze kugwengezwa n'izuba ly'imheshyi bukwumirana, ni kwo kwezi kwa kalindwi.-
8. KANAMA : Ni yo bita Tumba-nyakime (imboneko zayo) na Tumba-kanama (indengo zayo); niyo Kanama kananira Nzeli, imfura y'amezi.

.../...

Muli ukwo kwezi, ibicu bitangira kwijija bigatumbatumba imvura: mu gitondo ibyatsi bigatondaho ikime, ku manywa bikaba ingwengeli kubera izuba ly'igikatu liba lyitamanzuye; ni kwo kwezi kwa munani.

9. NZELI Ni yo mfura y'amezi ya kinyarwanda, kuko ali kwo kubimbulira ihinga: ikungira n'ikaca ly'ibishyimbo by'umuhindo; ali byo byitwa umutsi w'igihugu i Rwanda; Nzeli ni kwo kwezi kwa cyenda.

10. UKWAKIRA Ukwo kwezi kwumvikanamo kwakira imbuto (kuyifata): ni kwo baramburamo isuka y'imyaka myinshi; ihinga livanze n'ibagara; ukwo Kwakira kukaba ukwezi kwa cumi rero.-

11. UGUSHYINGO Haba iyo bavuze ngo Ugushyingo gushyingira Ukuboza. Mu Gushyingo bashyingura imbuto isagutse mw'ihinga ly'umuhindo; icyo gihe ibishyimbo biba bimaze kunaga urugoyi, ndetse bimwe by'ahabanguka uretse ibyo muli rwonandaro bilizura imisogwe; Ugushyingo ni kwo kwezi kwa cumi na kumwe.-

12. UKUBOZA Ukuboza kuboza imyaka; ni ukwezi kugwamo imvura y'umudubi, imiteja y'ibishyimbo n'imisogwe y'amashaza hamwe na hamwe bituliye uruhisho bikabora, icyagane kigakwira mu bintu byose, nk'icy'itumba; byose bigafulikaka uruhumbu; ukwo Kuboza ni kwo kwezi guhera ayandi; kwa cumi n'abili rero.

Ngayo amazina y'amezi ya kinyarwanda, agereranilije k'uyu mwaka rusange rw'ibihugu byinshi by'amahanga biwuhera kuli Yanwali ihulirana na Mutarama; naho ubundi kera, umwaka wa kinyarwanda watangiranaga n'ukwa cyenda ali kwo NZELI, ukarangirana na KANAMA kanamira NZELI. -

IMBONERAHAMWE Y'URUTONDE RW'AMEZI. -

| | |
|---|---|
| 1. MUTARAMA | 7. NYAKANGA |
| 2. GASHYANTARE | 8. KANAMA |
| 3. WERURWE | 9. NZELI |
| 4. MATA | 10.UKWAKIRA |
| 5. GICURASI | 11.UGUSHYINGO |
| 6. KAMENA | 12. UKUBOZA. |

# U M W A K A  W A  K A B I L I.

## AMOKO Y'ABANYARWANDA.

Ubwoko ni ikigundu rusange cy'imilyango yiyambaza umukurambere w'ikivili; uwambere na mbere waboneye izuba abahanze iyo milyango imwiyambaza. Amoko y'Abanyarwanda ni makumyabili, akabamo ingeli ebyili:

Ingeli ya mbere ilimo amoko cumi na bumwe y'ikivili; ayo ni ava ku mukurambere w'ibanze; na yo ingeli ya kabili; ilimo amoko cyenda y'Uburasangata; ayo ni ayitatuye ku ya mbere y'ikivili, nk'uko Abanyiginya bitazuye Abasindi, Abaskyete bakitazura Abagesera.

Amoko y'Ikivili ali yo y'ibanze, alimo atatu y'Abasangwabutaka: UBUSINGA, UBUZIGABA n'UBUGESERA; ni yo moko y'Ubuse, yahoranye agahazo ko kurangiliza imihango ayandi yose yayasanze mu gihugu; kugaba ibibanza, gushinga umuganda, gusenda imisaka, n'ibindi. Ayo yasanze Abasangwabutaka mu Gihugu ni asigaye uko ali cumi n'alindwi; yitwa ay'Ibihandambuga, ni yo y'imilyango yaje nyuma iturutse imuhandambuga (kure, iyo gihera) igasanga Abasangwabutaka ikavunyisha, bakayicanira indaro bakayashingira umuganda.

Amoko yose uko ali makumyabili, ahuliyeho n'ibitsina byose by'Abanyarwanda uko ali bitatu, bigize imbaga y'inyabutatu isangiye imisango mu Gihugu: Igitsina Gahutu, igitsina Gatutsi n'igitsina Gatwa; aliko ibyo bitsina si amoko, uretse kuyasangira. Iyo bavuze Gahutu cyangwa Gatwa cyangwa Gatutsi, ntibaba bavuze ubwoko, ahubwo baba bavuze inkomoko y'umuhutu, n'iy'umutwa, n'iy'umututsi, gusa bose uko ali batatu bagasangira ubwoko ubwo ali bwo bwose; ni cyo gituma habaho umuhutu w'umugesera, umutwa w'umugesera n'umututsi w'umugesera kandi ukabasanga mu Rwanda hose, banahafite ikirangabwoko; ilyo ni lyo rango kimenyabose lyamenyeshaga ubwoko mu kinyarwanda.

Ubwoko mu Banyarwanda ubwo ali bwo bwose , ni bwo butuma abantu bimenyekanisha mu bandi: dore nk'iyo umunyarwanda yimutse mu karere aka n'aka akajya gutura mu kandi na kwo k'i Rwanda, nk'umuganza wakwimukira i Bwanamukali, cyangwa umunyanduga akimukira i Ndorwa, arahagera ab'aho bakamubaza ngo ni umuki ? Kuko nyine aba ali umunyarwanda asanzwe abizi, aherako ababwira ubwoko bwe, ati: "Ndi uyu n'uyu !! Ubwo abo basangiye ubwoko bagahera ko bamusamira hejuru, bakamwakirana ubwuzu n'ibyishimo bya kivandimwe, bakamucanira indaro ali byo kumwakira bakamuzimanira bakamucumbikira, bakamubonera ntabe impabe itagira kivulira.
Ni uko ubwoko mu Banyarwanda burema isano ishyigikira umubano unoze n'ubusabane mu milyango, bigatuma buli munyarwanda wese ataba inkeho mu bandi aho ageze hose.

Ubwoko bwose bw'Abanyarwanda kandi hambere bwagiraga ikimenyetso kiburanga kikabubera nk'ibendera; icyo kimenyetso cyitwa Ikirangabwoko (totem) cyaratoranijwe mu nyoni cyangwa mu bikoko, cyangwa se mu myururu. Nta bwoko butagiraga ikirangabwoko cya bwo: kabone ndetse n'iyo umuryango wa naka wabaga ali mugali bwahe aliko utagira ikirangabwoko cyawo, ukagira gusa izina lyawo ly'umwihaliko liwatura mu yindi biva inda imwe, ntiwitwaga ubwoko, ahubwo kubera ilyo zina ly'umwihaliko witwaga inzu ya naka; ni ukuvuga urugaga rw'abantu bahuliye ku nteko imwe mu gicumbi: dore nk'abuzukuru ba Mwendezi, babita Abendezi. Ilyo zina Abendezi si ubwoko; ni inzu ya bene Mwendezi; abahuliye ku nteko imwe mu gicumbi cye.

Amoko nyamoko rero yahoranye ibirangabwoko byayo ni aya uko ali makumyabili: cumi na bumwe y'Ikivili; n'icyenda y'Uburasangata.

a) - Amoko 11 y'Ikivili:

1. Abasinga : bahoranye Sakabaka ho ikirangabwoko cyabo.
2. Abasindi : bahoranye Umusambi ho ikirangabwoko cyabo.
3. Abazigaba : bahoranye Ingwe ho ikirangabwoko cyabo.
4. Abagesera : bahoranye Inyamanza ho ikirangabwoko cyabo.
5. Abega : bahoranye Igikeli ho ikirangabwoko cyabo.
6. Ababanda : bahoranye Igikona ho ikirangabwoko cyabo.
7. Abacyaba : bahoranye Impyisi ho ikirangabwoko cyabo.
8. Abungura : bahoranye Ifundi ho ikirangabwoko cyabo.
9. Abashambo. : bahoranye Impongo ho ikirangabwoko cyabo.
10. Abatsobe : bahoranye Umusambi ho ikirangabwoko cyabo.
11. Abasita : bahoranye Nyirabarazana ho ikirangabwoko cyabo.

b) - Amoko 9 y'Uburasangata:

12. Abanyiginya : bahoranye Inyange ho ikirangabwoko cyabo.
13. Abakono : bahoranye Igikeli ho ikirangabwoko cyabo.
14. Abaha : bahoranye Igikeli ho ikirangabwoko cyabo.
15. Abashingo : bahoranye Isha ho ikirangabwoko cyabo.
16. Abanyakarama ! bahoranye Umusambi ho ikirangabwoko cyabo.
17. Abongera : bahoranye Ingeragere ho ikirangabwoko cyabo.
18. Abenengwe : bahoranye Ingwe ho ikirangabwoko cyabo.
19. Abahinda : bahoranye Inkende ho ikirangabwoko cyabo.
20. Abaskyete : bahoranye Uruvu ho ikirangabwoko cyabo.

Ayo ni yo moko nya moko y'Abanyarwanda ahulirwaho n'imbaga y'inyabutatu isangiye imisango mu Gihugu; andi mazina bitilira imilyango migali yitatuye kuli mivandimwe yayo, ni amazina y'amazu si ay'ubwoko kuko adafite irango kimenya bose.

Aliko kandi muli ilyo rango kimenyabose, ikimenyetso cy'ikirangabwoko kimwe rukumbi kuli buli bwoko nticyali chinganwa: Amoko y'imharakubili yashoboraga guhulira ku kirangabwoko kimwe, ubwoko ntibwilirwe butora icyabwo bwite: nk'Abatsobe bali barahisemo UMUSAMBI, bakawuhuliraho n'Abasindi; Abenengwe bahitamo INGWE nk'Abazigaba; Abakono n'Abahitamo IGIKELI nk'Abega.

Naho ubwoko bw'uburasangata bwagiraga ikirangabwoko cy'ubw'ikivili cyabwo, aliko bukitorera n'ikindi cy'umwihaliko wabwo: nk'Abanyiginya bali bafite UMUSAMBi kimwe n'Abasindi, ku mhamvu y'uko ali abarasangata babo, aliko bali barawugeretseho INYANGE, iba umwihaliko wabo; icyakora ababaga babaye abami bakarangwa n'INTARE.

Habagaho kandi n'iyo ubwoko butibanze ku kirangabwoko cyabwo rusange, imilyango yabwo yo mu karere aka n'aka igatora ikiyiranga kindi iyo ili iyo; dore nk'Ababanda bali bafite IGIKONA ali cyo kirangabwoko rusange cyabo; nyamara hamwe na hamwe imilyango yabo yali yalitoreye URUTONI; mu Basinga, ikirangabwoko cyabo rusange cyali SAKABAKA; aliko ku ruhande, hali imilyango yabo yihaye INGWE y'ikirangabwoko cy'Abazigaba; na bo Abungura, ikirangabwoko cyabo rusange cyahoze ali IFUNDI, aliko bamwe muli bo bali balihalitse URUVU rw'Abaskyete.

Nguko uko ikirangabwoko kimwe rukumbi kitali shinganwa ku bwoko bumwe mu moko y'Abanyarwanda.

## BYAGIYE NKA NYOMBELI.

Kera, ku ngoma ya Mazimpaka, ahagana mu mwaka wa 1700, habayeho umugabo w'umuhigi w'umukogoto cyane witwaga Nyombeli, akaba n'umugaragu wa Mazimpaka nyine. Bukeye Nsoro w'i Bugesera, bwali butaraba ubw'u Rwanda, atuma kuli Mazimpaka, amagambo y'imihigo avuga, ati: "Aho wali uzi ko Abanyabugesera barusha Abanyarwanda kurasa: ali uguhiga, ali ukumasha, ali ugutera imyambi; ati: "Byose turabibarusha!"

Intumwa za Nsoro ziraza no kwa Mazimpaka zimusohoreza ubutumwa; amaze kubwumva biramubabaza cyane, ni ko gukoranya abantu be, abatekerereza iby'iyo mihigo ya Nsoro, y'uko Abanyabugesera barusha Abanyarwanda kurasa: ali uguhigisha umuheto, ali ukumasha, ali no gutera imyambi!

Abatware bamaze kubyumva bagwa mu kantu barumirwa, barahwihwisa babazanya uko byagenda ngo iyo mihigo y'Abanyabugesera iveho.
Bamwe bati: Uwatuma kuli Nsoro akwohereza abantu be b'abahanga mu muheto, maze tukabateranya n'abahanga bacu, bagatera imyambi, bakamasha ndetse byalimba bakajyana no mu muhigo; abandi, bati: "Ahubwo nimumutumeho abe ali we tuzohereza abantu bacu, barushanilizwe i Bugesera, kuko baramutse babarushilije i Bugesera, ali bwo byakoza Abanyabugesera isoni kuko batsindiwe iwabo.

Nuko Mazimpaka ashima iyo nama ya nyuma, ahamagaza intumwa za Nsoro arazibwira, ati: "Simbatuma byinshi, nimugende mumbwilire Nsoro, muti: "Uzamutumeho igihe azakwohereze abantu bo kurushanwa n'abawe, maze iyo mihigo iveho. Nuko intumwa za Nsoro ziragenda, zigeze iwe zimubwira ubutumwa bwa Mazimpaka; ahera ko ahamagaza abatware be arabibatekerereza, baramusubiza, bati: "Nta kindi tuma kuli Mazimpaka, umubwire azohereze abantu be mu kwezi gutaha turushanwe, "Nsoro arabyemera, atuma izindi ntumwa, ziraza zibwira Mazimpaka igihe Nsoro yemeje cyo kurushanwa, ziti: "Ngo nta yindi ntumwa; ni mu kwezi gutaha"; zilikubura zisubira i Bugesera; zimaze kugenda, Mazimpaka yongera guteranya abatware be, ababaza uko bazabigenza.

Bamwe, bati: "Nimutoranye abazarushanwa mu bakogoto b'imitwe yose dufite: "Abandi, bati: "Gutoranya mu mitwe yose byaba ali ubuswa, ahubwo nimushake umuntu w'umuhanga azabe ali we urushanwa n'Abanyabugesera. Bose bahuliza kuli Nyombeli, bemeza ko ali we uzarushanwa wenyine.

Hanyuma ukwezi gushize, Mazimpaka ashaka abantu bazaherekeza Nyombeli bakanamwogeza. Nyombeli n'imperekeza ze bashyira nzira n'i Bugesera; bagezeyo, batuma kuli Nsoro ko baje. Arabahamagaza bararamukanya, ababaza ikibagenza, bati: tuje kurushanwa mu muheto." Ati: "Nibajye kubacumbikira, ahasigaye ni ah'ejo."

Bumaze gucya, Nsoro atumiza abantu ba Mazimpaka, ababaza icyo bakwiye kubanzilizaho. Abandi, bati: "Na we icyo ushaka abe ali cyo tubanza".

Nuko inge zisubirwamo; zimaze gusubirwamo, Abanyabugesera babimbulira ku gutera imyambi, babili bateramo. Hakulikiraho Nyombeli, arabatebya, inkwekwe Abanyarwanda barayiha biyamilira, Nsoro abibonye atyo, ati: "Ayo ni amahirwe, nibongere! "Abanyarwanda bati: "Ngaho! " Noneho Abanyabugesera bateramo ali bane; na none Nyombeli arabatebya. Abanyarwanda, bati: "Icyo kiraguye nimushyireho ikindi. "Abanyabugesera bashinga uruti; na none Nyombeli arabarusha. Barongera bashyiraho isimbi mu ngororero, na bwo Nyombeli arabarusha. Bashyiraho agatasu (akantu kanzinya, k'ubusabusa) Nyombeli arabanikira. Abanyarwanda besa ibisate imbere ya Nsoro baliyamilira.

Nuko Nsoro abonye ko Nyombeli abarushije by'ihabu, alikubura n'abantu be bajya mu rugo, atumiza n'abanyarwanda batangira kunywa inzoga, barara inkera basubira mu mihigo; bemeza ko Abanyarwanda barushije Abanyabugesera.

Haciyeho akanya, Nsoro arasohoka, ahamagara Nyombeli bajyana ukwabo; amubaza umutungo afite mu Rwanda. Nyombeli amubwira ko ali umugaragu wa Mazimpaka utunze inka z'ibiti gusa.

Nuko Nsoro asaba Nyombeli kwigumira i Bugesera akamukiza, ndetse akamugira n'umutware we ukomeye. Nyombeli arabimwemerera. Bukeye Abanyarwanda basezera kuli Nsoro, abazimanira inka cumi (10) baramushima.

Bagiye guhaguruka, Nsoro yongera kwihererana Nyombeli, amubaza uko ali bubigenze kugira ngo ahame i Bugesera, Nyombeli, ati: "Nitugera mu nzira ndabibeta nshe uwa nkebya ngaruke.

Nuko Abanyarwanda barahaguruka bali kumwe na Nyombeli baratahuka, bageze mu nzira arabibeta, arakimirana yisubilira kwa Nsoro. Nsoro amukubise amaso, alishima ahera ko ategeka ko bamuha amashyo atanu (5) y'inka, agasigara atekereza ibindi azamuha. Nuko Nyombeli aguma i Bugesera atyo, Nsoro amugira umutware we.

Intumwa z'i Rwanda rero zihebye Nyombeli, ziramanjirwa ziza mu Rwanda zifashe majingwe, zigira ziti: "Mazimpaka tuzamukika dute tudatahukanye n'intumwa twagiye duherekeje !" Zigeze mu Rwanda zigumya gukerakera, zitinya kujya kwa Mazimpaka zitali kumwe na Nyombeli. Igihe bagisigana, intumwa ya Nsoro iba ishinze kw'Ijuru lya Kamonyi, ibwira Mazimpaka ko Nyombeli atakigarutse mu Rwanda. Za ntumwa z'u Rwanda ziboneraho gutunguka imbere ya Mazimpaha; zivuga amacumu, zimubwira amagenzi yazo n'imirushilize ya Nyombeli, aliko Mazimpaka ntiyanezerwa kuko Nyombeli waheshej e ishema u Rwanda aheze ishyanga.

Nuko Nyombeli aguma i Bugesera atyo, ahakwa na Nsoro neza alinda asazirayo. Abanyarwanda babibonye batyo, bafatiraho invugo yahindutse umugani; baba batumye umuntu ngo abanguke akarenga agatinda, bakavuga, bati: "Yagiye nka Nyombeli", ikintu cyose kigiye ntikigaruke, bakavuga bati: "Cyagiye nka Nyombeli" - nk'imvura yagwa cyane imyaka ikalimbuka, cyangwa amapfa agacana cyane imyaka igakongoka, bakavuga bati: "Imyaka yagiye nka Nyombeli, ali ukubigereranya na Nyombeli wagiye guhesha u Rwanda ishema i Bugesera, rwatsinda ntarugarukeno.

Ngiyo inkomoko y'imvugo mwumva, ngo:"Yagiye nka Nyombeli" cyangwa "Byagiye nka Nyombeli".

## U M W A K A  W A  K A N E.

### ABESHYA ICYA SEMUHANUKA.

Semuhanuka yali umugabo ukunda kubeshya, kavukire ke hakaba i Bugesera butaraba u Rwanda. Yali ahatswe n'umwami wabwo witwaga Nsoro, ahaneneshwa n'ibinyoma byo gusebya umugore w'umusambane wa Nsoro uwo; ahimutse, atura mw'ishyamba ly'i Bugesera ahatali abantu, ahitwa mu Mhanga za Mageragere muli Komini Butamwa bwa Mwendo ya Kigali; hali hakili ah'u Bugesera, hagategana na Rugalika, ni cyo cyatumaga agendererana na Nyirarunyonga, kuko Nyirarunyonga uwo yaratuye ku Rugalika rwa Kigese na Mibilizi ho muli Komini Runda, muli Gitarama, ahateganye no mu Mhanga za Mageragere.

Umunsi umwe rero, Semuhanuka abwira umuhungu we Muhanuka , ati: "Tujye guhiga: "Ubwo yali yarabwiye uwo muhungu we Muhanuka ngo ajye abeshya kubeshya birakiza. Basohoka mu nzu, bajya guhiga, bagisohoka, Muhanuka arataka, ati: "Nkubise umutwe kw'ijuru none uranenetse! " Se ati: "Jya ubeshya ikindi, icyo kiranyagisha!" Baragenda bageze mw'ishyamba, Semuhanuka aca haruguru y'igihuru, Muhanuka agica hepfo, Semuhanuka , ati: "Urasangwe! " Muhanuka, ati: "Ikubitiro ly'umuhutu umuhungu wa Semuhanuka!" Semuhanuka, ati: "Uhamije iki sha?" Undi, ati: "Mhamije icyo uvumbuye!"

Ubwo Semuhanuka yaramaze gusabira umuhungu we. Hanyuma aratebutsa bajya kurongorera kwa Sebukwe kuko yajyaga gutahira.
Bageze mu nzira, Semuhanuka abwira umuhungu we, ati: "Lya iminyonza (imbuto y'igiti) ni yo itera umukwe kuba mwiza."Muhanuka arayirya baragenda. Bagezeyo Semuhanuka abwira bamwana we, ati: " Nanze kwica umunsi aliko nagize ibyago, umwana wanjye yarwaye igituntu; none ni jye waje gutahira kugira ngo inka zanjye zidapfa ubusa." Muhanuka abaza se, ati: "Urambeshyera mhali!" Se, ati: "Reka ikitumara imhaka ni uko wakwidaha bakareba." Muhanuka alidaha, akubita imibumbe y'iminyonza isa n'amaraso, kuko imbuto z'umunyonza zitukura cyane.

Nuko umugeni ahabwa Semuhanuka ararongora. Umuhungu we Muhanuka aratahа. Bimaze iminsi Semuhanuka na we aratahа, ajyana n'umugore we bafite umwana w'uruhinja. Muhanuka abibonye ajya guhiga aliko ashaka kwihimura se ku byo yamukoreye byose. Yica urukwavu ararubaga, arukuramo amaraso. Agejeje nijoro Semuhanuka n'umugore basinziliye araza aterura wa mwana w'uruhinja ajya kumuhisha; azana amaraso y'urukwavu ayasiga mu bwanwa bwa Semuhanuka bwuzura amaraso. Amara ayashyira hagati yabo. Umugore akangutse akabakaba umwana inyuma ye aramubura. Aracana aramulika, abonye ubwanwa bwa Semuhanuka bwuzuyemo amaraso, n'amara ali hagati yabo, avuza induru, ati: "Semuhanuka yandiliye umwana."

Rubanda barahurura, umukubise amaso wese, ati: "Yamuliye koko!" Muhanuka araza, ati: "Erega si urwo ruhinja aliye rwonyine, na njye yarandiye! "Semuhanuka baramufata baramuboha, ingoyi imaze kumurembya umuhungu we Muhanuka ajya gutarura wa mwana, abatekereza uko se yamugize agiye kurongora,

ati: "Ubu namwituraga ibyo yankoreye byose." Semuhanuka baramubohora. Wa mugore wa Semuhanuka kwa sebukwe baramumwaka bamuha Muhanuka.

Undi munsi Semuhanuka yali afite muramu we bakajya batumirana kandi bagacirana. Semuhanuka ashaka ubulyo bwo gutandukana na we. Semuhanuka agiye kubaga inka ye y'ingumba atuma kuli muramu we amananiza atuma umwana, ati: "Genda umumbwilire, uti: "Umutize uruhu rw'imondo rwo kuraza mw'ivu; uti: "Urwe ejo azarubandwana; kandi umutize n'ingabo yo gukukisha amase, uti: "Iye yayirabye; kandi, uti: "Mutize intorezo yo kwiyasiriza amabuye, uti: "Uziko iye ibamo ubugi bwinshi yapfinagara!"

Umwana aragenda abwira muramu wa Semuhanuka ayo magambo yose. Muramu we biramutangaza cyane: abaza uwo mwana ati: "Aho so ni muzima!" Ati: "Genda umubwire, uti: "Ibyo umutumyeho byose nta byo afite!" Umwana aragenda abibwira se kwa kundi. Semuhanuka, ati: "Icyo n'igiti kimwe nkirengeje urugo. "Buracya Semuhanuka abaga ingumba ye, yima muramu we. Muramu we biramurakaza cyane. Hacaho iminsi, muramu we abaga ikimasa, agira ngo yihimure Semuhanuka. Semuhanuka amaze kumenya ko muramu we yabaze amutumaho umwana, ati: "Uzi ko mumaze iminsi mudashora, none ubu inka zifite igise; ejo muzazishore.

Bigeze mu gicuku, Semuhanuka avuza urwamo; muramu we amwumvise arugurura, ati: "Semuhanuka yansize! "Nawe Semuhanuka arakimirana yisubilira mu kirago. Yumvise muramu we amaze kugenda araza ahagarara inyuma y'inzu ye, ahamagara mushiki we, na we agira ngo ni umugabo we umuhamagaye. Ati: "Umva sinakira lya shyano, sinkwiye kulikulikiza, ati: "Nibumara gucya, wende ukuguru kwa cya kimasa, ugushyire mu nkangara wohererez̲e ilyo shyano Semuhanuka; kandi ninkura inka turanyurana hano, ninkureba nabi uzane igicuma kuli ya nzoga y'ubuki tunywe. Ninongera kukureba nabi uzane inyama zokeje tulye; ninongera kukureba nabi, uzane ibitetse; nitumara kulya ndirakaza cyane, maze wende inzoga muli cya gicuma gikubise inkondo wohereze kwa Semuhanuka."

Semuhanuka amaze gushuka mushiki we atyo, alikubura aragenda, ashora inka arazuhira na muramu we. Zimaze gukuka barazishorera, bageze iwabo, Semuhanuka yanga kuva kuli muramu we, aho agiye na we akahamukulikira; baragenda bageze kwa muramu we, muramu we yinjira mu nzu, Semuhanuka aramukulikira. Umugore wa Muramu we abasanga mu nzu. Umugabo we amureba nabi ngo hato atagira icyo azana, noneho umugore akulikiza amagambo Semuhanuka yamubwiye, azana inzoga baranywa; umugabo ararakara; umugore we, amukubise amaso yikanyiza kuzana inyama zokeje, arazana baralya, umugabo yongeye kurakara, umugore azana izitetse; noneho umugabo arabisha. Wa mugore abonye umugabo arakaye cyane, ajya gusuka inzoga yabwiwe na Semuhanuka, ayiha umwana ayijyana kwa Semuhanuka.

Ubundi kandi Semuhanuka yatabaranye n'umwana we Muhanuka bahura n'ababisha bararwana, umuhungu wa Semuhanuka arakomereka; Semuhanuka aramuhana, ba babisha baramusonga.
Abo batabaranye baramugaya cyane. Bukeye baratabaruka, aliko uwo muhungu wa Semuhanuka yarapfuye, amaze kunyaga inka nyinshi.
Semuhanuka arazitabarukana, begereje kugera imuhira, Semuhanuka alikanya ngo hatagira umutanga yo, akavuga ko Muhanuka yapfuye.

Nuko Semuhanuka alihuta agera iwe. Umugore amubaza amakuru yo mu rugerero, Semuhanuka abwira umugore we ko batabarutse amahoro, kandi ko bagize n'ishya Muhanuka asigaye inyuma, mu minyago. Semuhanuka baramufungulira, umugore amaze kumufungulira, ajya kw'irembo, ngo atege umuhungu we; bimwanga mu nda, ajya mu gacyamo hilya y'iwabo, ahura n'abagabo batabarutse bagenda bavuga bati: "Ruliya rugo ni urwa ya mbwa Semuhanuka wahanye umwana we bakamwica; bati: Ubundi igikenya ntikirasirwa!" yapfuye yali intwali!"

Umugore wa Semuhanuka yumvise ayo magambo akubitwa n'inkuba, kuko umugabo atamubikiye umwana we; aza yihuta abaza umugabo we, ati: "Igituma Muhanuka yapfuye waza ntumbikire nkabikirwa n'imhungu n'inyoni ? Semuhanuka, ati: "Ese bitakubikira si byo byamuliye". Ubwo Semuhanuka atangira kugira ikimwaro, intebe yali yicaliye arayihagurukana n'umuheto ajya kwicara mu minyinya kw'irembo, ahageze ajishura injishi ayimanika muli uwo munyinya, asa n'ushaka kwiyahura. Abonye umugabo utungutse hilya ya njinshi ayishyira mw'ijosi wa mugabo amaze kumwegera aramwitegereza, ati: "Uragira ibiki ?" Semuhanuka, ati: "Ndiyahura! Wa mugabo, ati: "Si uko biyahura! "Semuhanuka, ati: "Nyereka ubulyo biyahura."
Wa mugabo, ati: "Va ku ntebe nkwereke." Semuhanuka ayivaho. Wa mugabo ayisubiraho, ashyira injishi mw'ijosi lye, igihe atangiye kumubwira, Semuhanuka araha ya ntebe umugozi ujyana wa mugabo hejuru y'igiti arapfa. Semuhanuka atera hejuru, ati: "Rubanda ni mumvune, ati: "Nali nzi icyo Muhanuka azakora; dore yiyahuje n'abagenzi; ati: "Uyu mugenzi si umukunda gusa, KAVUKIRE KA SEMUHANUKA ubanza ali we wamubyaye."

UMWAKA WA GATANU.

UMUSHUMBA W'URUKUBO.-

Umushumba w'urukubo ni yo ngabo namenyereje gusatira abafozi: ni ruyogozantambara ntigungizwa n'uko inkwaya zirekeye, ni cyoko cy'imanzi ni imanga yababisha. Ni ruberwaningondo igira imisango y'ingoma; ni ruhinduranshuro ntishobokera abakogoto. Ni ruhindanyamugabo ntigamburuzwa n'ingabe, ni rukeshabatware iyo ikabuwe n'imitimba irwa aha batatu. Ni ruhungiranduru ingurusu zahimbye ruhabwanduba, ni ruhalirwisheja ishorezwa gucogoza imironko; ni cyorezo cy'abahinza ntibuzwa mu mahina.

Yilije umutaga ili kumwe na ruterabwoba ya rudahangarwanabahizi, dutabaruka abahinza bahebye ababoshya guhiga. Yo na rusingizwakukirali y'inkeragutabara zigira imitali ibuza induru dutaha. Ihangu ly'imanzi ya rutagungiramakuza zikundanira ko zisuzuguza abatwara imikore. Yo n'urulibatamyambi, ya ruhashyigitero, ababisha bazitiranya iteka ali uko zitareka ingamba ziregeka. Yabangikana na juru ly'intwali ya rwego rw'insengamihigo, abo zibasiye bagasenyagulika batagifashe intwaro! Yatera ku isibo ili kumwe n'imanisezelingabe ya rukezintabaza, tugatatanya ab'intanage intambara igacika intege! Rwahama rw'inkongi y'intwalibimburishyanga zihora zingaya ishya mu ntambara kulya zaremewe kurwana ishyaka. Ingengamimaro ya Ngarambe y'imanzi zinganya ibyuma ku macondo: zanaciliwe limwe imanzi, zishingiye guhashya imicunire!

Yo na burangabwintwali ya rutirengagizimihigo, ab'inganizi ntibasiba kuzitota ngo zishire ubwoba bikabije, bivanzemo kwirata; bitali ubutwali bw'abantu busanzwe. Yo na rugarukirubudatuza y'insengamihigo rwamutwe, iyo zibasiye igitero ziruta imitwe imirera; isata ibalizwa mu b'isibo ya rwego rw'imanzi yazisanga aho zisumba imitimba, abatwara imfuruta tukihalira ibigwi mu gitaramo!

Ubwo duherutse gukoranira n'imikore mu bikombe tugakanya urukubo, ab'i Kongo bagihagatira imbunda ku mikoba, nayishengeranye mu ishiraniro ab'amashisha bagishagashanye imyambi, ihashegana isheja; ni na byo Insengamihigo ziharaye kwishongora: abayihalikanywe ali igisaga ibatwaza bayimasha; basukiranije imitimba yikanya ibasatira, ibokeje igitutu ibatatanya bataha, ibaturubikanye imhambara ibesamo imhambi; bagerageje gukwirwa ibihuru babona ko ndi bubahumbe, batarataze bahunga batakana uwababagabye ngo yabangabije; mbazimbye intambwe intanage bagenda bazita ku nzira! Umutware wabo agerageje kubagarura, bati: "Reka da! uko

Tugeze mu mihigo, abarenzi b'imirera kuko ali yo ntwali twateje; duheza ab'imiheto ngo hatarame twe! Rubonezaminega batijana wali wagabye icyo gitero, aje kuturatira ibigwi aranamiza ku ihangu, ati: "Rubabazagitero abamugishaga imhaka zo kurusha batuze; yabimbuye urugamba rugikubita ntiyatuza gushengura ababisha!"

1. DUSOBANURE AMAGAMBO Y'IMHINGANE.

1. Urukubo = 1°) Ikigote cy'ingabo zikubiye ikintu hagati, ali mu muhigo ali ku rugamba.
   2°) Uruziga ruzengurutse izuba mu kirere ruwa n'umukororombya.
2. Ingondo = Imanzi (mu bulyo bwo gutsinda, ali byo kutavuga abakuru mu izina: nk'abagore bafite ba sebukwe bitwa NYILIMANZI, bo babita NYILINGONDO, ba nyirabukwe baba bitwa KAMANZI bakabita KAMANZI bakabita KANGONDO).
3. Ingabo = Igitero cyagabwe ku rugamba, intwaro bikingiza akaga gaturutse imbere
4. Imitimba= Imyambi y'ireme (bivugwa cyane mu byivugo).
5. Imironko = Imiheto yabajwe mu biti byitwa imironko ubwabyo
6. Icondo = Ipfupfu, ipfundo liba ku mugongo w'ingabo.
7. Imirera = Ingabo zibajwe mu giti zitali isuli; yo iboshye mu byatsi by'ururandalyi byitwa urusuli, yitwa ingabo y'isuli.
8. Induba = Amaraso menshi ahindanije ikintu, inkaba
9. Isheja = Amatwara y'ubutwali, ijabo, ubwizihirwe
10. Umuhinza = Ikigande, icyigomeke, umunyagasuzuguro, Syoli.
11. Umutali = Icumu liremereye litali akababali, lifite uruti rurerure n'ikigembe kirekire kandi kigali mu mbuga.
12. Imhangu = 1°) Umurego w'ihabu litanilije; kwanamiza ku ihangu gukaza umurego w'ihabu litanilije, kugagaza isibo;
    2°) Amagingo y'izuba likomeye ly'amanywa y'amahangabagabo; amanywa nyaruhangali.
13. Amakuza = Imifuka y'amacumu abakingangabo bajombaguranira ku rugamba avangitiranye n'imyambi yamurura ababisha bakubiswe inshuro; kubindiramo amakura = kwitabaza icumu wikingiye ingabo, aliko ntulirekure ukalijombesha gusa, usogota.
14. Imicunire = Imigenekerereze; imiragulire y'amibwire.
15. Isata = Agashururu k'igicu cy'imvura kalimo serwakira igashora mu nzuzi no mu migezi minini n'ibiyaga.
16. Ishiraniro = imashaniro, ikotaniro; aho barasanira bicika, urugamba;
17. Gushagasha = Kubura amarere y'ubutwali,
18. Amashisha = Umubyibuho, ubugubweneza
19. Imhambi = Ingutu, intumbi y'ingutu, igihimbati.

.../...

20. Imhambara = Ubwihare, inkubili, ubutwali bushize amanga,
21. Gutarataza = Gutayanjwa: kugerageza ay'ubusa.
22. Intanage = Umwambi ukwikiye uliho amoya (amabano)
23. Umurenzi = Imfura mu mutima: Inyamibwa.
24. Inkwaya = Imbaraga, ubutinduke, ubutsinduke.
25. Kugamburuza = Kuvana ku izima, guca intege.
26. Iminega = Imyambi y'umujyo udakebakeba ntuhushe uwo batose.

## II. TWUMVE NEZA IBYO TUMAZE GUSOMA.

1. Amazina ataka umushumba w'urukubo mu gika cya mbere cy'ili somo ni ayahe ?
2. Vuga izindi ngabo zafatanyije n'umushumba w'urukubo ku rugamba, zivugwa mu gika cya kabili n'icya gatatu.
3. Tazura umubare w'ibigwi byayo mu gika cya kane.
4. Ni nde muhizi warunduye ahamya ko Rubabazagitero atatuje gushengura ababisha n'ingabo ye kuva rugikubita ?

## III. TUGOSHYE ILI SOMO KU BUNDI BULYO.

Umushumba w'urukubo ni
yo ngabo namenyereje
gusatira abafozi:
Ni ruyogozantambara ntigungizwa
n'uko inkwaya zirekeye,
ni cyoko cy'Imanzi
ni imanga y'ababisha.
Ni ruberwa ningondo
igira imisango y'ingoma:
ni ruhinduranshuro
ntishobokera abakogoto.
Ni ruhindanyamugabo
ntigamburuzwa n'ingabe,
ni Rukeshabatware
iyo ikabuwe n'imitimba
irwana aha batatu.
Ni ruhungiranduru
ingurusu zahimbye ruhabwanduba,
ni ruhalirwisheja
ishorezwa gucogoza imironko;
ni cyorezo cy'abahinza,
ntibuzwa mu mahina.
.......... Yilije umutaga
ili kumwe na ruterabwoba
ya rudahangarwanabahizi,

.../...

dutabaruka abahinza bahebye
ababoshya guhiga.
Yo na rusingizwa ku kirali
y'inkeragutabara,
zigira imitali ibuza induru gutaha!
Ihangu ly'imanzi
ya rutagungiramakuza,
zikundanira ko zisuzuguza
abatwara imikore.
Yo n'urulibatamyambi
ya ruhashyigitero,
ababisha bazitiranya iteka,
ali uko zitareka ingamba ziregeka.
Yabangikana na juru ly'intwali
ya rwego rw'insengamihigo,
abo zibasiye bagasenyagulika
batagifashe intwaro!
Yatera ku isibo ili kumwe
n'imanisereringabe
ya rukezintabaza,
tugatatanya ab'intanage
intambara igacika intege!
Rwahama rw'inkongi
y'intwalibimburishyanga,
zihora zinganya ishya mu ntambara
kulya zaremewe kurwana ishyaka.
Ingengamimaro ya Ngarambe y'imanzi
zinganya ibyuma ku macondo,
zanaciliwe limwe imanzi,
zishingiye guhashya imicunire!
..... Yo na burangabwintwali
ya rutirengagizimihigo,
ab'inganizi ntibasiba kuzitota
ngo zishire ubwoba bikabije,
bivanzemo kwirata;
bitali ubutwali bw'abantu busanzwe.
Yo na rugarukirubudatuza
y'insengamihigo rwamutwe,
iyo zibasiye igitero,
ziruta imitwe idatwara imirera;
isata ibalizwa mu b'isibo
ya rwegorwimanzi

yazisanga aho zisumba imitimba,
abatwara infuruta tukihalira
ibigwi mu gitaramo!
.... Ubwo duherutse gukoranira n'imikore
mu bikombe tugakanya urukubo,
ab'i Kongo bagihatira imbunda ku mikoba,
nayishengeranye mu ishiraniro,
ab'amashisha bagishagashanye imyambi,
ihashegana isheja:
ni na byo Insengamihigo
ziharaye kwishongora!
Abayihalikanwe ali igisaga
ibatwaza bayimasha;
basukiranije imitimba yikanya ibasatira,
ibokeje igitutu ibatatanya bataha,
ibaturubikanye imhambara ibesamo imhambi;
bagerageje gukwirwa ibihuru
babona ko ndibubahumbe,
batarataza bahunga
batakana uwabagabye ngo yabangabije;
mbazimbye intambwe
intanage bagenda bazita ku nzira!
Umutware w abo agerageje kubagarura,
bati: "Reka da!
uko yahinyuje igisagara ntako bisa,
ahali n'uwazana amasusu ntiyasubira inyuma!"
.... Tugeze mu mihigo abarenzi b'imirera,
kuko ali yo twateje,
duheza ab'imiheto ngo hatarame twe!
Rubonezaminega batijana
wali wagabye icyo gitero
aje kuturatira ibigwi,
aranamiza ku ihangu:
ati: Rubabazagitero abamugishaga
imhaka zo kurusha batuze:
yabimbuye urugamba rugikubita
ntiyatuza gushengura ababisha!"

## UMWAKA WA GATANDATU.

### IMISANGO YO GUSABA UMUGENI

Ujya gusaba umugeni abanza kumurangisha, yamara kumubona no kumushima imico n'ubwiza, cyangwa amushimiwe n'undi, agashaka umuranga. N'iyo asaba mu baturanyi aramushaka, ni we umuvugira bagiye mu byo gusaba.

Iyo umusore bamurangiye umukwobwa atazi, alihorera agashaka undi musore mugenzi we bakiyuhagira bakisiga bakiboneza bakajya kwa se w'umukwobwa, bamubona bakamushima cyangwa se bakamugaya.

Iyo bamaze gushima umukwobwa, babaliliza ubwoko bwe, bwaba bubi, bakamureka, bwaba bwiza bakamuraguliza, bamwereza bakamusaba; bamwirabuliza bakamureka.

Nta mupagani urongora umukwobwa atabanje kumuraguliza ngo amwereze, kuko bavuga ko habaho ubwoko buzirana ntibushyingirane, hakabaho n'ubutera umwaku.

Iyo bajya kuraguliza umugeni, bajyana imbuto n'inkoko bakayuhira amacandwe y'umuhungu, bakayibwira, bati: "Umva Mana y'i Rwanda, ndahaguruka nkajya gusaba Nyirakanaka mwene Naka ntansame, sinzire uruhanga rwe, sinzire ko twararanye, sinyagwe n'amaherere; nusanga ntabizira, were". Inkoko bakayibaga; yirabura cyane bakamureka, yera cyane, nabwo bakamureka. Iyo yeze gato, bayikulikiza inzuzi n'ingimbu; byera byose bakabona kumusaba.

Ubundi ushaka kurongora, abanza kurambagiza; ni ukureba uburanga bw'umukwobwa, ubwiza bwe n'imico ye.

Iyo umuhungu ashaka gusaba umukwobwa baturanye, abanza kujya areba imico ye, iyo ayishimye agashima n'uburanga bwe, icyo gihe atangira gushaka umuranga, yamara kumubona hagakulikiraho isaba. Naho iyo ashaka gusaba umukwobwa wa kure, abanza kurangisha bagenzi be. Iyo hagize umurangira, agomba kubaliliza uburanga bw'umukwobwa n'imico ye; irambagiza lyarangira hakulikiraho isaba.

Umuranga ni we uvuga ijambo kabone n'iyo se w'umukwobwa ali aho, ni umuranga uvuga ijambo, ati: "Nyanaka, yantumye.. akwungaho amagambo y'isaba yitwa "imisango y'abakwe".

Abasabwa umugeni na bo, iyo basubiza umuranga baramubwira, bati: "Genda utubwilire Naka,...." bakavuga amagambo y'imisango yagenewe gusubiza.

Ujya gusaba umugeni ntibamwita umureshya; bamwita umukwe. Uko bavuga usaba si ko bavuga usabirwa. Usaba aba ali n'umuranga; umukwobwa iteka bavuga ko asabwa, n'uza kuvuga amagambo asaba, bavuga ko aje gusaba.
Kuvuga umureshya, ni ukuvuga uje kureshya umusumbakazi. Ntabwo umusumbakazi bavuga ko asabwa, iteka bavuga ko baje kureshya; ngo batumwe na kanaka kumurehereza umugore. Na we usaba umukwobwa, agira, ati: "Natumwe na kanaka ngo musabire umukwobwa."

Usaba umukwobwa aba ali se w'umuhungu, cyangwa se wabo w'uwo muhungu, uwo ali we wese, aba ali kumwe n'umuranga. Izina ly'abasaba bose, bitwa: abakwe, ali abaje bashoreye inka, ali n'abaje bikoreye inzoga, ali n'abavuga ijambo lyo gusaba, mbese abantu b'iwabo w'umuhungu, bose bitwa abakwe. Na none umukwe uzarongora ni we uba ali umukwe nyakuli; aliko iwabo w'umukwobwa iyo babonye nk'umuntu uturutse iwabo w'umuhungu usaba, baravuga, bati: "Mulitondere uwo muntu, mumufate neza, ni umukwe". Bikaba kwanga kwihesha agaciro gakeya no kugirango hatagira ikibicira ubukwe.

Mw'isaba ly'umugeni basabisha inzoga, n'isuka n'isando. Inzoga ijya gusaba bwa mbere na mbere, ni iy'amarwa cyangwa iy'ubuki, ntabwo babanzayo urwagwa, kuko urwagwa rwitwa incike ngo uwo barusabishije ntiyabyara. Ikibindi bajyanamo iyo nzoga, ni icy'isugi (kitahongotse), kikagumayo bakagifata neza; ntigisohoka kuko ngo kimenetse, umukwobwa yapfa cyangwa ngo ntazabyare, yaba abyaye kandi akabyara apfusha. Ndetse n'iyo ubukwe bupfuye, bene cyo bagishegeye, iwabo w'umukwobwa barakigurana, bakababeshya ngo cyaramenetse, cyangwa bakagihongoraho urujyo bakarusigarana, bakarubika neza, ngo umwana wabo atazabura ibyara.

Iyo bagize ibyago ikibindi cy'urusabo kikameneka, barahanuza, bakanywa imiti n'amasubyo.

Isuka nayo irakomeye mu bukwe, ndetse no mu bantu bakomeye barayitanga. Isuka ngo ni nkuru; Nyirarucyaba atarazana inka mu Rwanda, ngo ni yo yali irulimo, irugize; ni cyo gituma ibanziliza inka mw'isaba. Na yo isando, ni agati k'amashami abili hejuru abakambwe bitwazaga; na Nyirarucyaba ngo yarayitwaje; ngo ituma amatungo yororoka cyane no kuramba, bakazabona abuzukuruza n'ubuvivi.

Iyo bagiye gutangira gusaba, batara ibitoke cyanga bakenga amarwa. Inzoga zamara gushya, umuranga akajya iwabo w'umukwobwa akabwira uli se, ati: "Naka yantumye ngo arashaka kuza guhakwa"; na bo bati: "Uramubwiro azaze". Umuranga akagenda akabwira iwabo w'umuhungu ati: "Banyemereye; inzira ni nyabagendwa".

.../...

Iyo inzoga z'imisango ziraye zili buze, se w'umukwobwa atumira inshuti na basaza ba nyina w'umukwobwa. Abasaba bakazana inzoga mu kibindi cy'isugi (kidahongotse), n'isuka n'isando. Bamara gusoma bose, uwo bohereje gusaba agatonda imisango, ati: "Kanaka, twazinduwe no kubasaba umugeni w'ineza, tuzabaheka mw'itabaro, tuzababera abana na mwe mutubere ababyeyi". Abandi bati: "Murakagira imana". Ababyeyi b'umukwobwa, bati: "Ni uko komeza uhakwe, tuzabona uzana n'inzonga zo gutebutsa".

Ubundi, se w'umukwobwa abaza abazanye inzoga ati: "Iyi nzoga ni iy'iki?" Usaba, ati: "Ni iyo gusaba umugeni". Ati: "Nje guhakwa murampake neza, mundeme amaboko n'amaguru, mumpe ubuhake na njye nyoboke mhakwe". Abandi, bati: "Ko wazanye inka, izindi ushaka ni iziki? Undi ati: "Ni ko bigenda ushaka guhakwa atura inka ngo azabone izindi". Usabwa ati: "Umugeni musaba ni nde? Abakwe, bati: "Ni Nyiranaka."Se w'umukwobwa ati: "Mwaramwereje? "Bati cyane". Akigiza nkana, ati: "Yarasabwe". Bakabijyamo impaka. Nyuma se w'umukwobwa ati: "Ndamubahaye". Abakwe bati: "Tugukuliye ubwatsi". Bati "Aliko icyo tutaguhaye ni inkwano". Umwe mu basangwa ati: "Muramumuhaye kandi yaranze kumheka ndwaye, cyangwa ati: "Yandumangilije inka". Bakaburana byo kwigiza nkana.
Abandi bagakiza, bati: "Aragutsinze" (umuranga) Ubwo bakaba bemeye gutanga umugeni, bagakomeza ikiganiro binywera inzoga.

Ubundi kandi usaba araza ati: "Yemwe bagabo bali aha, mbafitiye ijambo lyanzanye". Nuko bagahora, agaterura agatonda imisango abwira se w'umukwobwa, ati: "Umva Kanaka, Naka yantumye ngo muva inda imwe, ngo nta cyo mwapfuye, nta nabi, ngo umuhe umugeni w'ineza; ngiyi n'inka tubakwereye". Undi ati: "Koko nta nabi yanjye na we, ati: "Bagabo bali aha mutanze umugeni? Bati:"Turamutanze". Koko nta nabi Naka yatugiliye". Bati "wowe se? Ati: "Ndamutanze". Nuko bakabwira umuranga, bati: "Ugende ubwire Naka, uti: inzira ni nziza, uti: kereka utashaka guhakwa". Usaba ati: "Murakagira Imana, mutubereye ababyeyi na twe tuzababera abana".

Ubundi na bwo, abasaba bashaka inzoga ebyili bakazijyana nimugoroba. Hagenda se w'umuhungu cyangwa se wabo. Umuranga akazijya inyuma bakagenda, bagera mu bikingi by'amarembo, bati: "Mwiliwe bene urugo"? Abo mu rugo bagatuma umwana akajya kureba; akagaruka akababwira, ati: "Ni inzoga". Bakandurura ibyandaraye, inzoga zikaza bakabatura, bakabaha intebe. Umuranga akicara hafi y'inkingi iteganye n'iy'urubumbiro, se w'umukwobwa cyangwa undi ukwiye kugira ijambo muli urwo rugo, akicara iruhande rw'inkingi y'urubumbiro, bakanywa inzoga. Byageza hagati umuranga agaterura ati: "Nimuhorane Imana mwa bagabo mwe! Bagaceceka.

.../...

Ati: "Nka (Nyir'urugo) mbere hose twarabanye, so abana na data, none narakuragulije ndakwereza; uzamha inka n'imbuto y'amasaka n'iy'isogi, n'iy'uruyuzi, n'iy'uburo; namara kuyisohoza nkazayikuraho gukira; none nje kukwaka iyo mbuto".
Nyir'urugo, ati: "Niba ali jye wereje, ndakwemereye nzayiguha". Yamara kuvuga ilyo jambo, imhundu zikavuga, bakinikiza, bakivuga, bakabyina, bakishima. Guhera ubwo bakajya bajyanayo inzoga n'amapfukire, n'ibindi. Bagasaba umwaka umwe cyangwa ibili, itatu, ine, uko babishaka n'uko bifite.

Ahandi usaba agira ati: "Nka, Kanaka yantumye ngo mwaratuuranye, mwarabanye muva inda imwe, mwarahakanywe, ngo ntiyakurumangililije inka, ntiyakwimye imhamba, ntiyakwiye itabi, ntiyakurezee asigaye ibwami watashye, ntiyanze kuguheka mw'itabaro, none ngo agusabye umugeni. Maze kandi ngo niba utekereza ko yakurumangilije inka, akakwima imhamba, akakwima itabi, akakurega ibwami, akanga kuguheka mw'itabaro, ngo umubwire". Undi, ati: Mwaje kunsaba umugeni mwarantumyeho ejo, none sinabona uko ntuma kuli ba se wabo, ba basaza be na ba nyirarume, byashoboka bite se?" Undi ati: "Widuhima ejo twagutumyeho, dore basaza be bali hano, abahali nibamuduhe, cyangwa bavuge icyaha twakoze, niba ali nta cyo mumuduhe, muzasigare mubaza abadahali icyaha twaba twarakoze, nikiboneka muzabe mumutwima; aliko ubu tugire icyo tujya kubwira uwadutumye." Undi, ati: "Aha hali abana bato batazi ibyaha, aliko rero turamubahaye, icyakora abandi badahali nibaza, ahali bazamubima". Usaba ati: "N'ilyo ni lyiza dukuye ubwatsi".
Se w'umukwobwa ati: "Mbese ko mfite abakwobwa benshi musabye nde?" Usaba ati: "Nyiranaka". Nyil'umukwobwa, ati: "Nimugende tubakuliye amahwa mu nzira, tuzabaliriza, nitutagira icyaha tumenya, tuzabashyingira". Bakabaherekeza bagataha.

Ahandi, kandi, iyo usaba amaze gutonda imisango y'abakwe, uwo basaba umugeni aravuga, ati: "Ko dufite abakwobwa benshi murasaba nde?" Bakamuvuga izina. Nyil'urugusabwa umugeni akigiza nkana, ati: "Uwo naramutanze"; maze akavuga izina ly'umwana w'incuke! bagakomeza kubijyamo imhaka kugeza igihe ababwiye; ati: Ng'uwo ndamubahaye, aliko mumenye ko ndi umushumba, si uwanjye jyenyine, afite bene we!"
Nuko se w'umukwobwa akongera, ati: "Aliko kandi namubaha bwose, mumenye ko icyo ntabahaye ali inka y'inkwano.

Ahandi, naho ikindi bavuga basaba umugeni: Bamara kwicaza abashyitsi bakanywa inzoga, nuko hacaho umwanya, umugabo mukuru, ati: "Cece!" Bose bagacecekа. Ati: "Umva Naka na mwe bagabo bali hano, urulimi ni urwanjye n'amaguru ni ayanjye, aliko ijambo ni

ily'uwantumye Kanaka; yantumye ngo muli bone nyirakivandimwe, ngo iwabo n'iwanyu, ntibigeze guhemukirana, haba hali mw'itabaro, haba bali ku kirali. Ngo umwana asaba, ni umwana uva iwabo akajya iwabo na none; ibyawe na we ni rwajya nk'umuyira w'intozi, ngo mubere "Mazehose" nk'igicunshu banywamo umuti, bakanacyisukuza.

Iyo hagize uvuga ilindi jambo ngo aramurogoya, kugira ngo amuhoze, yongera kuvuga, ati: "Cece! ndagutira umwambaro sindagutira urulimi". Iyo amaze kuvuga atyo, abagore n'abakwobwa bali aho bavuza impundu. Usabwa nawe agasubiza ati: "Ibyo turabyumvise ni byiza koko nta nabi yanjye na Kanaka, nta kintu nzi twapfuye, icyakora ku bwanjye muhaye umugeni, aliko ndi umushumba, abo ndagiliye nibemera nkanjye, tuzamushyingira. Icyakora ntanze umugeni icyo ntaguhaye ni inka." Bagakura ubwatsi, impundu zikavuga. Nyil'urugo akongera, ati: "Bagabo bali hano mutanze umugeni?" Bati: "Turamutanze, aliko icyo tutabahaye ni inka".
Ukwo ni kwo gukosha.

## UMWAKA WA KALINDWI.

## UMUGANI WA RUTEGAMINSI RWA TEGERA.

Rutegaminsi rwa Tegera, umutezi w'umwami, uko umugabo ateze ni ko ategulirwa.

Rutegaminsi yali atuye mw'ishyamba; nta mugore yagiraga, nta kana yagiraga; yatungwaga no gutega inyamaswa; yali umuhigi. Limwe, asanga umutego we waguyemo inyaga; arayireba, alishima. Inyaga iramubwira iti: "Ntegura nzakwitura!" Arayitegura. Ubwa kabili hagwamo inkuba; ayisangamo; nayo imusaba imbabazi arayitegura. Inkuba iramubwira, iti: "Uranteguye na njye nzakwitura." Ubwa gatatu hagwamo igitagangulirwa, na cyo kimusaba imbabazi aragitegura. Bukeye hagwamo intashya; na yo arayitegura. Ubundi hagwamo ubushishi, na bwo arabutegura. Undi munsi hagwamo inzoka na yo arayitegura. Hagwamo ikivumvuli; na cyo aragitegura. Hagwamo igikeli na cyo aragitegura. Hagwamo isazi; na yo arayitegura.

Umunsi umwe, Imana imuha umugore witwa Nyiramana, uwo mugore yali afite umulizo, aliko Rutegaminsi ntabimenye. Yavugishaga umutsima ukuboko kumwe, akamulikisha urutoke rw'ukundi. Nuko Imana ibwira Rutegaminsi, iti: "Nguyu umugore nguhaye, aliko ntuzajye mu Kabira k'Aboshya."
Rutegaminsi ararana n'umugore we Nyiramana, uwo Imana imuhaye. Uwo mugore akaba umukobwa wa Nyamuzinda ikuzimu. Ubwo bali mw'ishyamba, nta nzu, nta rugo; baralyama, bakangutse basanga bafite urugo n'inka n'abagaragu n'abaja; bakomeza kubana bishimye babyarana abana benshi. Rutegaminsi akomeza wa mwuga we wo guhiga, aliko yavumbura inyamaswa ikajya mu Kabira k'Aboshya ntayikulikire, agakulikiza lya tegeko Imana yamuhaye, akomeza kugenza atyo bishyira kera.

Umunsi umwe avumbura inyamaswa, imbwa zirayikulikira zijyana na yo mu Kabira k'Aboshya; hagaruka imwe, izindi zose ziherayo; arabyihorera alitahira. Undi munsi yongera guhiga, avumbura indi nyamaswa; na yo ijya mu Kabira k'Aboshya ijyana na ya mbwa yasigaye. Rutegaminsi agira agahinda kuko imbwa ze zihezeyo zose; Ati: "Ngiye mu Kabira k'Aboshya ndebe ikimfatira imbwa; ajyayo, agezeyo, ahasanga umugore mwiza cyane. Aramubwira, ati: "Wa mugabo we, ulya mugore utunze uzi uko ameze n'ibyo akora?" Undi, ati: "Nta bwo mbizi!" Rutegaminsi abwira wa mugore, ati: "Ntiwamenyesha uko ameze n'ibyo akora?" Undi, ati: "Afite umulizo kandi avugisha umutsima ukuboko akamulikisha urutoki rw'ukundi; ati: "Nta bwo wali ubizi!" Undi, ati: "Oya, aliko nzitonda nzabimenya!"